MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

No105 — Mata 2015



# HIBUTSWE ABANYAPOLITIKI BISHWE MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

Tariki 13 Mata n'umunsi hasozwa icyumweru cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mwaka w'1994, umunsi uhuzwa no kwibuka abanyapolitiki bazize iyo Jenoside, uyu muhango ukaba ubera ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Rebero Akarere ka Kicukiro



Perezida wa Sena wari Umushyitsi mukuru muri uyu muhango

Ku Rwibutso rwa Rebero, hashyinguye imibiri y'abatutsi irenga ibihumbi cumi na bine (14.000) bishwe muri Jenoside yakorewe abatusi mu mwaka w'1994, hanashyinguye kandi bamwe mu banyapolitiki bazize Jenoside



Nk'uko bisanzwe mu gusoza iki cyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya 21, uyu munsi uhuzwa no kwibuka abanyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi; uyu muhango ubera ku Rwibutso rwa Rebero kuri uyu wa 13 Mata 2015 ahashyinguye bamwe muri abo banyapolitiki.

Kwibuka no kunamira abo banyapolitiki bazize Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 biba bigamije kuzirikana ubutwari bwa bamwe mu banyapolitiki bitandukanyije n'ikibi, bakarwanya akarengane n'amacakubiri, kugeza ubwo bazize ibitekerezo byabo (byari bigamije ukuri no guhesha agaciro buri Munyarwanda aho ava akagera) ; biba kandi bigamije kwiyemeza kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no guharanira ko Jenoside itazongera kubaho ukundi mu Rwanda n'ahandi hose ku isi. Uyu muhango uba ugamije na none kandi gushima no kurata ubutwari bw'abarwanyije n'abahagaritse Jenoside ; gushyigikira demokarasi no guharanira uburenganzira bwa muntu ; ndetse no kongera kwiyemeza ubutwari no kudatinya kurwanya ikibi



*Umuvugizi w'Ihuriro KAYIRANGA Mukama Alphonse*

Umuvugizi w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki Bwana KAYIRANGA Mukama Alphonse yakanguriye Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki gushyira imbere ibitekerezo byubahiriza inyungu z'abaturage, birwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, bagashishikariza abayoboke bayo kuvugisha ukuri no kurangwa n'ibikorwa byo gufasha abayirokotse. Imitwe ya politiki kandi igomba kugira uruhare mu kubungabunga ubusugire bw'Igihugu kandi iteka u Rwanda n'abanyapolitiki bagaharanira ijabo riha ijambo u Rwanda mu ruhando rw'amahanga.

Uyu muhango witabiriwe n'abayobozi mu nzego nkuru z'Igihugu, abayobozi b'Ingabo na Police n'abahagarariye Ibihugu byabo mu Rwanda





# IMIRIMO YA ZA KOMISYO ZIHORAHO Z'IHURIRO YARAKOMEJE

Hakurikijwe icyemezo cy'Inama Rusange y'Ihuriro mu nama yayo yo ku itariki ya 12/3/2015, cyo kongerera manda y'imyaka itatu Abagize Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro na Biro z'ubuyobozi bwazo, arizo izi zikurikira: Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane; Komisiyo ishinzwe gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego; na Komisiyo ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo



*Abagize Komisiyo Mbonezabupfura*

Imirimo ya za Komisiyo yakomeje muri icyi cyumweru cya nyuma cy'ukwezi kwa Mata 2015, ziga ku ngingo zitandukanye zijyane n'inshingano za buri Komisiyo harimo kwemeza igenamigambi ry'ibikorwa bya za Komisiyo mu gihembwe cya Mata – Kamena 2015 no gutegura igenamigambi ry'umwaka w'ingengo y'imari 2015/2016 hakurikijwe ingengabihe ya gahunda za Komisiyo. Komisiyo Mbonezabupfura no Gukemura Amakimbirane yateranye tariki ya 28/4/2015 isuzuma ingingo zikurikira (1) Kwemeza Raporo ya manda ya Komisiyo y'imyaka itatu (2012-2015);(2) Gukora isuzuma (evaluation) ry'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa byari biteganyijwe muri manda ya Komisiyo y'imyaka itatu (3) ishize; (3) Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo by'umwaka wa 2015-2016; na (4) Gukora amahugurwa ku buhanga bwo gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki agenewe abagize inzego zishinzwe gukemura impaka mu Mitwe ya Politiki

Komisiyo Ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'Izindi Nzego yateranye kuwa gatandatu tariki ya 2 Gicurasi 2015 yiga kuri (1) Raporo ya manda ya Komisiyo y'imyaka itatu (2012-2015; (2) isuzuma (evaluation) y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa byari biteganyijwe muri manda ya Komisiyo y'imyaka itatu ishize; (3) yungurana ibitekerezo kuri gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo by'umwaka 2015-2016; (4) itanga n'imirongo migari izagenderwaho kuri gahunda z'amahugurwa mu Mitwe ya Politiki ziterwa inkunga n'Ihuriro (assessment study of the capacity building and training programs carried out by the NFPO



*Abagize Komisiyo ishinzwe Gahunda*

Mu nama yayo yo ku itariki ya 30/04/2015, Komisiyo Ishinzwe Itumanaho no kungurana Ibitekerezo yasuzumye (evaluation) ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa byari biteganyijwe muri manda ya Komisiyo y'imyaka itatu (3) ishize; (2) itegura gahunda y'ibikorwa ya Komisiyo y'umwaka 2015-2016 yateguye kandi n'ikiganiro ku "Akamaro ko gukoresha ikoranabuhanga mu Mitwe ya Politiki" kizitabirwa n'abayobozi bashinzwe itumanaho mu Mitwe ya Politiki



*Abagize Komisiyo ishinzwe Itumanaho*

Kuri buri ngingo yizwe, Komisiyo yafashe ibyemezo bikwiye bizagenderwaho mu ikurikirana ry'ubryo bishyirwa mu bikorwa